


### Imibare ntarengwa y'abagomba kwitabira amateraniri rusange abera ahatuwe.

MU MAZU: ABANTU BAGERA 10 BATURUTSE MU NGO 2  
HANZE: ABANTU BAGERA 25 BATURUTSE MU NGO 3

- Udupfukamunwa ni ngombwa igihe cyose, keretse igihe uri kurya cyangwa kunywa.
- Abaturuage barasabwa gukurikiza amabwiriza yatanzwe na MDHHS [yo guterana bidateye ikibazo](#) kandi barashishikarizwa kurema [“amatsinda”](#) yo gusabaniramo buri gihe.



### Imibare ntarengwa y'abagomba kwitabira amateraniri rusange abera ahitari aho guturwa.

MU MAZU

- Amateraniri yo mu nzu ntiyemewe ahitari aho guturwa, keretse ku hantu hake h'umwihariko hatarimo, nko ku kazi, cyangwa igihe umukiriya n'umukozi begeranye kugira ngo umukiriya abashe guhabwa serivisi.
- Ariko na none, ahantu henshi habera ibikorwa haracyafunguye ku bantu ku giti cyabo cyangwa urugo rumwe.
  - Buri muntu agomba kwambara agapfukamunwa.
  - Ahantu habera ibikorwa hagomba kuba hateguwe ku buryo hasigwa intera ya metero 2 hagati y'abantu bo mu rugo n'urundi.
  - Umubare wihariye ntarengwa w'abashobora kwakirwa ukurikizwa bitewe n'ahantu.



HANZE

- Amateraniri abera hanze ahuza abagera kuri 25 abera ahantu hatari aho guturwa yemewe hakurikijwe ibi bikurikira:
  - KU HANTU HATEGANYIJWE UMUBARE NTARENGWA W'IBYICARO: abitabira ntibagomba kurenga 20% by'ubushobozi bw'abashobora kuba bicaye bose.
  - KU HANTU HATATEGANYIJWE UMUBARE NTARENGWA W'IBYICARO: abitabira ntibagomba kurenga abantu 20 kuri buri metero kare 92 muri buri gace k'aho hantu habereye icyo gikorwa.
  - Buri muntu agomba kwambara agapfukamunwa.


“Iteraniri” bivuga igikorwa cyose aho abantu babiri cyangwa barenga baturutse mu rugo rurenze rumwe bahariye ahantu hamwe. Amateraniri atateganyijwe, y'akanya gato (nko ku maduka, ku kibuga k'indege, cyangwa inyubako igurirwamo amafunguro) ntarimo.

### Udupfukamunwa tuba ari ngombwa.




Ibigo by'ubucuruzi, ibiro bya leta, ibigo by'amashuri, imiryango yita ku bana, abakora ibikorwa byo gutwara ibintu n'abandi bose bategura ibikorwa bihuriza abantu hamwe ntibagomba kwemera amateraniri ayo ariyo yose abera mu nzu cyangwa hanze keretse babanje gusaba buri muntu kwambara agapfukamunwa. Ibyo bigo ntibigomba gufata ko umuntu winjiye aho bakorera atambaye agapfukamunwa aba ari mu kiciro cy'abo bitareba; ahubwo bagomba kwemera ibyo umuntu yivugiyeye ko batambaye agapfukamunwa kubera bari mu kiciro runaka cy'umwihariko.

### Ubucuruzi bwo kudandaza na serivisi z'abantu ku giti cyabo




- Amateraniri yo ku iduka ridandaza, isomero cyangwa inzu ndangamurage ntizigomba kurenza 30% by'umubare w'abagomba kuzikorera. Umwanya w'ahafatirwa amafunguro mu nzu, harimo imbuga zo kuriramo, hagomba gufungwa.
- Amateraniri y'ahatangirwa serivisi zo kwiyitaho ku giti cy'umuntu, harimo umusatsi, inzara, kwishyiraho urundi ruhu, masaje, ahantu hifitemo umuti uvura, kwishushanya ku ruhu, kwikorera ubugeni bwo ku mubiri no kwitobora byemewe iyo hatanzwe gahunda, igihe serivisi iri bumare kidasaba kwambura agapfukamunwa.



## Kuruhuka n'imyidagaduro

- Ahantu hakurikira habera ibikorwa bigamije kuruhuka n'imyidagaduro harafunguye ngo abantu ku giti cyabo cyangwa bo mu rugo rumwe bagera kuri 6 babe babasha kuhishimishiriza: oditoriyumu, sitade z'ibitaramo n'imikino, sinema, inzu z'ibitaramo, ahabera ibikorwa byerekanwa, ahabera ibikorwa bya siporo, za sitade, amakinamico; aho barasira n'imiheto; pariki zo kwishimishirizamo; imashini z'arcade; inzu zikinirwamo imikino ya bingo; ahatererwa ingasire; imikino y'amahirwe isanzwe; ahakinirwa umukino wo kurasa.
- KU HANTU HATEGANYIJE UMUBARE NTARENGWA W'IBYICARO: abitabira ntibagomba kurenga 20% by'ubushobozi bw'abashobora kuba bicaye bose.
- KU HANTU HATEGANYIJE UMUBARE NTARENGWA W'IBYICARO: abitabira ntibagomba kurenga abantu 20 kuri buri metero kare 92 muri buri gace k'aho hantu habereye icyo gikorwa.
- Ibiribwa n'ibinyobwa ntibemewe kugurishwa cyangwa kuribwa no kunyobwa.
- Buri wese agomba kuguma yambaye agapfukamunwa igihe cyose.
- Ingo zigomba gutandukanywa hasigwa intera ya metero 2.
- Umubare w'abagomba kujya muri buri cyumba ntugomba kurenga abantu 100, keretse muri za sitade na za arena, zitagomba kurenza 250.
- Amateraniri ntiyemewe ku hantu hatanirwa abantu hari ibyago byinshi byo kwandura nk'ahakinirwa umukino wo kurasa, utubinyiro dusanzwe, utubinyiro tw'ababyinnyi bambara ubusa; pariki zigizwe n'amazi na pariki z'imikino yo kwijungunya.



## Serivisi z'amafunguro

- Gufatira amafunguro mu nzu muri resitora no mu tubari ntibemewe. Aha harimo kurira imbere ahantu hatwikiriye, veranda, amahema n'izindi nyubako, uretse gusa igihe hafunguye umwuka winjira. Ku bindi bisobanuro reba [Inyandiko shusho igaragaza ibijyanye no kwicara.](#)
- Serivisi z'amafunguro bahita bajyana n'agemurirwa abakiriya ziremewe.
- Kurira hanze byemewe igihe abantu bicara batarenze 6 kuri buri meza kandi hagati yayo hagasigwa intera ya metero ebyiri.
- Kurira mu tuzu duto twa igloo, akazu k'ibyatsi, cyangwa ihema rito byemewe igihe harimo abantu bo mu rugo rumwe gusa.



## Imyitozo, kongera imbaraga na siporo

- Amateraniri y'abafata amasomo yo kongera imbaraga n'ibikorwa nkabyo, hamwe na siporo zikorera hanze badakoranaho aremewe.
- Amateraniri yo mu matsinda y'ibikorwa byo kongera imbaraga nka yoga, kubyina, kunyonga igare na siporo ngororamubiri, kimwe n'imyitozo n'ibikorwa bigamije kuruhuka bituma abantu bakoranaho nka pariki z'ahakinirwa imikino yo kwijungunya na pariki zigizwe n'amazi ntiyemewe.
- Imyitozo ikorwa n'umuntu ku giti ke imyitozo ya 1 kuri 1 ntiyemewe muri jimunaze, mu bigo by'imyitozo yo kongera imbaraga, n'ibyumba by'imyitozo.
  - Abitabira ntibagomba kurenza 25% y'umubare ntarengwa wemewe.
  - Hagomba kuba byibuze intera ya metero 3,7 hagati y'ahakorerwa imyitozo.
- Imyitozo ikorwa n'umuntu ku giti ke imyitozo ya 1 kuri 1, n'amasomo ajyanye n'ibyo koga yemewe kuri za pisine zo mu nzu n'izo hanze.
  - Abitabira ntibagomba kurenza 25% y'umubare w'abemerewe.
  - Ahantu hari za pisine z'imiryango, pariki zigizwe n'amazi, n'ahandi hakinirwa hatubitse hashobora kudafungura.
- Imyitozo ikorwa n'umuntu ku giti ke imyitozo ya 1 kuri 1 yemewe ku mikino yo kugendera ku mapine ku butaka n'iyi ku rubura.
  - Abitabira ntibagomba kurenga abantu 2 kuri metero kare 92 (hafi abantu 34 bahurira ku rubura icyarimwe ku gice kimwe k'ikibuga cy'urubura).
  - Imikino yo kugendera ku dupine ifunguye/yo mu itsinda na siporo zidasaba gukoranaho biremewe mu kibuga cy'urubura cyo hanze.
- Siporo zo mu nzu na siporo zisaba gukoranaho, siporo zo mu mashuri makuru no mu makoleji; siporo z'amakarabu; amarushanwa agamije kuruhuka y'abana, urubyiruko n'abakuzi; n'amarushanwa agamije igikorwa cy'urukundo n'ibindi bikorwa by'iminsi mikuru; ntibemewe keretse bashoboye kwerekana uburyo bubahiriza [uburyo bwitondewe bwo](#) gupima no kukumira ubwandu, bisaba iminsi 6 yo gupima mu cyumweru, kudahura n'abanduye k'umukinnyi uko ariko kose utari uwo mu ikipe ye ndetse n'abagize urugo no kugenzurwa n'itsinda ry'abaganga b'ikipe.